Bibiliya y'abana
irerekana



Ibihe bikomeye bya Yesu

yanditswe na: Edward Hughes
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: M. Maillot; Sarah S.
Alastair Paterson
yahinduwe na: Yohani Batisita B.
yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

BFC
PO Box 3
Winnipeg, MB R3C 2G1
Canada

©2020 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

UbwoYesu yabatizwaga Imana yaravuze iti: "uyu ni umwana wanjye Nkunda. nkamwishimira." Umwuka wera w'Imana umanukira kuri Yesu mu ishusho y'Inuma.



Nyuma gato, Umwuka Wera w'Imana uyobora Yesu ahantu h'ubutayu. Yesu yari wenyine.



3

Yesu yiyiriza hafi iminsi mirongo ine. Bisobanura ko atagombaga kurya no kunywa. Yagize inzara.

4

Bibiliya ivuga ko hariyo n'inyamaswa y'inkazi.

5

Satani aza kugerageza Yesu. Mbere Yari yarageragejeje Adamu na Eva m'ubusitani bwa Edeni. Yesu yarageragejwe.

6

Satani yageze aho agerageza Yesu umwana w'Imana.

7

Sekibi agira ati: "Niba uri umwana w'Imana" Hindura iri buye umugati. Yari azi ko Yesu ashonje. Yari azi ko Yesu yahindura ibuye umugati. Yesu yagombaga kubaha sekibi?



8

Oya! Yesu ntiyagombaga kubaha Sekibi. ahubwo asubiza mu magambo y'Imana: "Umuntu ntagomba gutungwa n'ibyo kurya gusa ahubwo n'ijambo iryari ryo ryose rivuye mu kanwa k'Imana."

9

Satani ayobora Yesu mu murwa munini wa Yerusalemu, hejuru y'inzu yera aho abantu baramyaga Imana. Nyuma Satani yaje gukora iki?



10

Niba uri umwana w'Imana, simbukira hasi "Sekibi niwe uvuze". Abamarayika be baragusama.



11

"Oya" Yesu arasubiza. Biranditse ngo ntugomba kugerageza umwami Imana yawe.

12

Sekibi arongera. Afata Yesu hanze y'umurwa ku musozi muremure.

13

Yereka Yesu ubwami bwose bw'isi, Sekibi aravuga, "Nzaguha ibi byose ni wemera kumfukamira ukandamya".

14

"Jya inyuma yanjye, satani! Yesu arategeka. Biranditse ngo…" uramye umwami Mana yawe kandi ariwe ukorera.



15

Sekibi atandukana na Yesu amutega ikindi gihe. Haba haje ikintu cyiza. Imana yohereza Yesu abamarayika ku mukomeza no kumuhumuriza we utaremeye kumvira Sekibi.



16

Ibihe bikomeye bya Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 4, luka 4

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

17

Iherezo

38 60

18

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16

19